
REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI YA SIPORO

# AMARUSHANWA YO GUKORA IKIRANGO CYA SITADE AMAHORO (LOGO)



## 1. Intangiriro

Stade Amahoro ni imwe mu nyubako zagutse z'imikino n'imyidagaduro ziri kuvugururwa kugirango zishyirwe ku rwego mpuzamahanga; Imirimo yo kuvugurura Stade Amahoro izatuma igira ubushobozi bwo kwakira abantu bicaye 45,000, ikaba izaba iri mu cyiciro cya mbere ugendeye ku bipimo bishyirwaho n'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA) ndetse no mu cyiciro cya kabiri ugendeye ku bipimo bishyirwaho na federasiyo yimikino ngororamubiri (IAAF). Kimwe n'izindi nyubako zo kuri uru rwego, iyi nyubako ikeneye ikirango cyayo kiyimenyekanisha haba ku nyubako ubwayo ndetse no kuyigaragaza mu buryo butandukanye.

## 2. Intego

Amarushanwa y'abakora ubuhanzi mberajisho mu gukora ikirango cya Stade Amahoro (logo), agamije gushishikariza abahanzi muri rusange ndetse n'urubyiruko by'umwihariko kurushaho kwitabira bene ubu buhanzi no guha agaciro ubuhanzi mberajisho bukozwe n'Abanyarwanda, hagamijwe kubashyigikira no kubateza imbere. Aya marushanwa kandi agamije gutoranya igihangano kimwe kizahiga ibindi kizajya gikoreshwa nk'Ikirango cya Stade Amahoro, kikazajya kiyiranga mu bikorwa byayo bitandukanye.

## 3. Imiterere y'amarushanwa

### 3.1. Uko amarushanwa azakorwa

Abarushanwa bose bazohereza ibihangano bitatu bitandukanye bizarushanwa (3samples). Ibi bihangano byose bigomba kuba bigaragaza neza intego ya Stade Amahoro hashingiwe kuri Siporo n'imyidagaduro.

### 3.2. Igihangano gikenewe

- Igihangano kigaragaza mu buryo bworoshye Stade Amahoro hashingiwe kuri Siporo n'imyidagaduro".
- Igihangano cy'umwimerere
- Igihangano gikorewe kuri mudasobwa
- Igihangano giherekejwe n'inyandiko ngufi igisobanura

### 3.3. Uko amanota azatangwa»

Ibihangano bizakosorwa ku manota 50 agabanyije mu buryo bukurikira:

- Ubwiza n'imiterere by'igihangano: amanota 20
- Umwimerere w'igihangano: amanota 5
- Uko igihangano kigaragaza Siporo: amanota 15
- Ibipimo fatizo (ingano, pixels): amanota 5
- Kuba gishobora gukoreshwa ahantu hatandukanye (ku mbuga, ku mpapuro, ku bikoresho, ...) amanota 5

## 4. Abemerewe kurushanwa

Aya marushanwa agenewe:

- Abantu ku giti cyabo cyangwa amatsinda y'abantu
- Kuba asanzwe akora ubuhanzi mberajisho bwifashisha ikoranabuhanga rya mudasobwa
- Kuba urushanwa afite nibura imyaka 18
- Kuba yumva neza akamaro k'ikirango cya Stade Amahoro

## 5. Ibihembo:

Hazahembwa abantu babiri ba mbere mu buryo bukurikira:

- Uwabaye uwa mbere azahembwa Amafaranga y'u Rwanda Miliyoni imwe (1,000,000 frw)
- Uwabaye uwa kabiri azahembwa Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500,000 frw)

### 6. Ingengabihe y'amarushanwa

- Tariki ya 30 Mata 2023: Guhagarika kwakira ibihangano
- Tariki ya 5 Gicurasi 2023: Gutangaza abatsinze

### 7. Akanama nkemurampaka

Akanama nkemurampaka kazaba kagizwe n'impuguke 6 zizaturuka muri:

- Minisiteri ya Siporo (2)
- Inteko y'Umuco (1)
- OGS (1)
- Inama y'Igihugu y'Abahanzi (1)

### 8. Iyoherezwa ry'ibihangano

- Ibihangano bizoherezwa mu buryo bw'Ikoranabuhanga kuri imeri (emails) zikurikira, bifite umutwe ugira uti "Amarushanwa yo gukora ikirango cya Stade Amahoro":

  amahoro@minisports.gov.rw,

  Cc: infrastructure@minisports.gov.rw

- Uwohereje igihangano afite inshingano zo gukurikirana ko yabonye ubutumwa bumusubiza ko igihangano cye cyakiriwe
- Ibihangano bigomba koherezwa mu bwoko 3 bw'inyandiko: JPG, PNG na animated
- Ibihangano bigomba kuba biherekejwe n'inyandiko ngufi iri muri pdf igaragaza ibisobanuro byabyo.
- Minisiteri ya Siporo ifite uburenganzira bwo gusaba uwatsinze kunoza ikirango cyatoranyijwe kugira ngo kirusheho kugaragaza intego ya Stade Amahoro.

### 9. Uburenganzira Ku gihangano

- Minisiteri ya Siporo izegukana uburenganzira bwose ku mutungo mu by'ubwenge ku bihangano bizaba byahembwe, ikaba ishobora kubikoresha icyo ishaka, aho ishaka no mu gihe ishaka hatabayeho gusaba ubundi burenganzira ku muhanzi wagikoze.

Bikorewe i Kigali ku wa 12 Mata 2023

MINISITERI YA SIPORO

**Zephanie NIYONKURU**
**Umunyamabanga Uhoraho**